

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'INTEBE N° 006/03 YO KUWA 27/12/2013 AGENA UBURYO BWO KOROHAREZA GUKORA IMIRIMO ABAGIZE INAMA Y'UBUYOBOZI MU NZEGO ZIHARIYE, MU NAMA Z'IGIHUGU NO MU BIGO BYA LETA

PRIME MINISTER'S INSTRUCTIONS N°006/03 OF 27/12/2013 DETERMINING MODALITIES TO FACILITATE BOARD MEMBERS OF SPECIALIZED ORGANS, NATIONAL COUNCILS AND PUBLIC INSTITUTIONS TO DISCHARGE THEIR DUTIES

INSTRUCTIONS DU PREMIER MINISTRE N° 006/03 DU 27/12/2013 DETERMINANT LES MODALITES DE FACILITER AUX MEMBRES DU CONSEIL D'ADMINISTRATION DES ORGANES SPECIALISES, CONSEILS NATIONAUX ET ETABLISSEMENTS PUBLICS, A ACCOMPLIR LEURS TACHES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo aya mabwiriza agamije

**Article One:** Purpose of these instructions

**Article premier:** Objet des présentes instructions

**Ingingo ya 2:** Abagengwa n'aya mabwiriza

**Article 2:** Scope of application

**Article 2:** Champ d'application

**Ingingo ya 3:** Amafaranga yo kwitabira inama

**Article 3:** Sitting allowances

**Article 3:** Jetons de présence

**Ingingo ya 4:** Amafaranga y'itumanaho ku bagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye n' Inama z'Igihugu

**Article 4:** Communication fees for Board members of Specialized Organs and National Councils

**Article 4:** Frais de communication pour les membres du Conseil d'Administration au sein des Organes Spécialisés et Conseils Nationaux

**Ingingo ya 5:** Koroherezwa urugendo

**Article 5:** Transport facilitation

**Article 5 :** Facilitation de transport

**Ingingo ya 6:** Ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu

**Article 6:** Official mission inside the country

**Article 6:** Mission officielle à l'intérieur du pays

**Ingingo ya 7:** Ubutumwa bw'akazi mu mahanga

**Article 7:** Official mission abroad

**Article 7:** Mission officielle à l'étranger

**Ingingo ya 8:** Ubwishingizi ku ndwara no kubyagobikomokakukazi

**Article 8:** Medical and occupational hazards insurances

**Article 8:** Assurance maladie et celle contre les risques professionnels

**Ingingo ya 9:** Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira **Article 9:** Funeral expenses and death allowance **Article 9:** Frais funéraires et indemnité de décès

**Ingingo ya 10:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza **Article 10:** Repealing provision **Article 10:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 11:** Igihe aya mabwiriza atangiragukurikizwa **Article 11:** Commencement **Article 11:** Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'INTEBE N° 006/03 YO KUWA 27/12/2013 AGENA UBURYO BWO KOROHEREZA GUKORA IMIRIMO ABAGIZE INAMA Y'UBUYOBOZI MU NZEGO ZIHARIYE, MU NAMA Z'IGIHUGU NO MU BIGO BYA LETA**

**PRIME MINISTER'S INSTRUCTIONS N°006/03 OF 27/12/2013 DETERMINING MODALITIES TO FACILITATE BOARD MEMBERS OF SPECIALIZED ORGANS, NATIONAL COUNCILS AND PUBLIC INSTITUTIONS TO DISCHARGE THEIR DUTIES**

**INSTRUCTIONS DU PREMIER MINISTRE N° 006/03 DU 27/12/2013 DETERMINANT LES MODALITES DE FACILITER AUX MEMBRES DU CONSEIL D'ADMINISTRATION DES ORGANES SPECIALISES, CONSEILS NATIONAUX ET ETABLISSEMENTS PUBLICS, A ACCOMPLIR LEURS TACHES**

**Minisitiriw'Intebe,**

**The Prime Minister,**

**Le Premier Ministre,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 37, iya 118 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 37, 118 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 37, 118 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo ku wa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions as modified and complemented to date, especially in Article 7;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 7;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/10/2013, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 09/10/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/10/2013;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**

**DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:**

**Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza akena uburyo bwo korohereza gukora imirimo abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye, mu Nama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta.

**Ingingo ya 2: Abagengwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza areba abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye, mu Nama z'Igihugu, no mu Bigo bya Leta.

**Ingingo ya 3: Amafaranga yo kwitabira inama**

Abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye, mu Nama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga yo kwitabira inama hakurikijwe ibiteganywa n'Iteka rya Perezida rishyiraho ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi muri Komisiyo z'Igihugu, Inzego Zihariye, Inama z'Igihugu, no mu Bigo bya Leta, iyo bitabiriye inama.

**Ingingo ya 4: Amafaranga y'itumanaho ku bagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye n'Inama z'Igihugu**

Abagize Inama y'Ubuyobozi mu Nzego zihariye n'Inama z'Igihugu bagenerwa amafaranga y'itumanaho buri kwezi ku buryo bukurikira :

**Article One: Purpose of these Instructions**

These instructions determine modalities to facilitate Board members of Specialized Organs, National Councils and Public Institutions to discharge their duties.

**Article 2: Scope of application**

The present instructions shall apply to the members of Boards within Specialized Organs, National Councils and Public Institutions.

**Article 3: Sitting allowances**

Board members of Specialized Organs, National Councils and Public Institutions shall be entitled to the sitting allowances as determined by the Presidential Order establishing the sitting allowances for Board members of National Commissions, Special Organs, National Councils and Public Institutions.

**Article 4: Communication fees for Board members of Specialized Organs and National Councils**

The Board members of Special Organs and National Councils shall be entitled to monthly communication fees as follows:

**Article premier: Objet des présentes instructions**

Les présentes instructions déterminent les modalités de faciliter aux membres du Conseil d'Administration des Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics, à accomplir leurs tâches.

**Article 2: Champ d'application**

Les présentes instructions s'appliquent aux membres du Conseil d'Administration au sein des Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics.

**Article 3: Jetons de présence**

Les membres du Conseil d'Administration au sein des Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics bénéficient des jetons de présence, conformément à l'arrêté présidentiel fixant les jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration des Commissions Nationales, Organes Spécialisés, Conseils Nationaux et Etablissements Publics.

**Article 4: Frais de communication pour les membres du Conseil d'Administration au sein des Organes Spécialisés et Conseils Nationaux**

Les membres du Conseil d'Administration au sein des Organes Spécialisés et Conseils Nationaux bénéficient des frais mensuels de communication comme suit:

**Official Gazette n°03 of 20/01/2014**

1° Perezida: ibihumbi mirongo itandatu by'amafaranga y'u Rwanda (60.000Frw);

2° Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi: ibihumbi mirongo ine by'amafaranga y'u Rwanda (40.000Frw);

3° Ugize Inama y'Ubuyobozi: ibihumbi mirongo itatu by'amafaranga y'u Rwanda (30.000Frw).

1° President: sixty thousand Rwandan francs (Rwf 60,000);

2° Vice-President: forty thousand Rwandan francs (Rwf 40,000);

3° Board member: thirty thousand Rwandan francs (Rwf 30,000).

1° Président: soixante mille francs rwandais (60.000 Frw);

2° Vice-Président: quarante mille francs rwandais (40.000 Frw);

3° Membre: trente mille francs rwandais (30.000 Frw).

Amafaranga y'itumanaho avugwa muri iyi ngingo ntagererwa abagize Inama y'Ubuyobozi mu Bigo bya Leta.

Communication fees referred to in this Article shall not be allocated to Board members of Public Institutions.

Les frais de communication visés au présent article ne sont pas alloués aux membres du Conseil d'Administration des Etablissements Publics.

**Ingingo ya 5: Koroherezwa urugendo**

Iyo ugize inama y'Ubuyobozi yitabiriye imirimo cyangwa inama y'Inama y'Ubuyobozi aturutse mu bilometero bingana cyangwa birenze mirongo itatu (30) uvuye aho asanzwe akorera, urwego rwa Leta bireba rumukodeshereza imodoka imugeza kandi ikamuvana aho imirimo cyangwa inama bibera.

Mu gihe ugize Inama y'Ubuyobozi atuye mu mahanga, urwego bireba rumworohereza urugendo rwo kuza no kuva mu Rwanda, mu buryo bumwe nk'ubukoreshwa kumukozi wa Leta uba mu Rwanda igihe agiye mu butumwa bw'akazi mu mahanga. Muri icyo gihe, Perezida w'Inama y'Ubuyobozi yoroherezwa urugendo mu buryo bumwe nka Perezida wa Komisiyo ukora ku buryo buhoraho; Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

**Article 5: Transport facilitation**

When a Board member participates to the Board's meeting or activities at a place located at or in more than thirty (30) kilometers away from his/her usual place of work, the concerned institution shall hire a vehicle to transport him/her to and from the place of the meeting or activities.

In case a Board member resides outside of the country, the concerned Institution shall facilitate his/her transport to and from Rwanda, by following the modalities used when a public servant residing in Rwanda goes on official mission abroad. In this case, the Chairperson of the Board of Directors, the Vice-Chairperson and the Board member shall be facilitated transport as is done for the permanent Chairperson, Vice-

**Article 5: Facilitation de transport**

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration participe à une réunion ou aux activités du Conseil d'Administration à un endroit situé à trente (30) kilomètres ou plus par rapport à son lieu habituel de travail, l'institution concernée loue un véhicule pour le transporter jusqu'à cet endroit et pour son retour.

Au cas où, un membre du Conseil d'Administration réside à l'étranger, l'institution concernée lui facilite en ce qui concerne le transport aller-retour au Rwanda, suivant les modalités utilisées lorsqu'un agent de l'Etat résidant au Rwanda part en mission officielle à l'étranger. Dans ce cas, la facilitation au transport pour le Président, le Vice Président et le membre du Conseil d'Administration est faite dans les

akarworoherezwa nka Visi Perezida wa Komisiyo ukora ku buryo buhoraho, naho ugize Inama y'Ubuyobozi akarworoherezwa nk'Umukomiseri ukora ku buryo buhoraho muri Komisiyo y'Igihugu.

**Ingingo ya 6: Ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu**

Iyo Perezida w'Inama y'Ubuyobozi agiye mu butumwa bw'akazi imbere mu Gihugu, urwego bireba rumworohera urugendo rwo kugenda no kugaruka. Rumugenera kandi amafaranga y'ingoboka angana n'ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10.000 Frw) ku munsu rukanamwishyurira inyemezabuguzi z'ifunguro n'ibinyobwa bidasindisha, n'inyemezabuguzi y'icumbi igihe araye mu butumwa.

Iyo Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi n'ugize Inama y'Ubuyobozi bagiye mu butumwa bw'akazi imbere mu Gihugu, bahabwa indamunite z'ubutumwa bw'akazi hakurikijwe Iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza agenga ubutumwa bw'abakozi ba Leta imbere mu Gihugu. Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi abarirwa indamunite z'ubutumwa nka Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu ukora ku buryo buhoraho, naho ugize Inama y'Ubuyobozi akazibarirwa nk'Umukomiseri ukora ku buryo buhoraho muri Komisiyo y'Igihugu.

Mu gihe ugize Inama y'Ubuyobozi yitabiriye imirimo cyangwa inama y'Inama y'Ubuyobozi aturutse mu bilometero bingana cyangwa birenze mirongo itatu (30) uvuye aho asanzwe akorera,

Chairperson and Commissioner of the National Commission, respectively.

**Article 6: Official mission inside the country**

The Chairperson of the Board of Directors shall be entitled to a transport facilitation to and from the place of the mission, a per diem worth of ten thousand Rwandan Francs (10,000 Rwf) per day when on mission inside the country. The concerned institution shall also pay for bills for the food and soft drinks, and the bills for accommodation if he/she spends the night on mission.

When a Vice-Chairperson of the Board of Directors or a Board member goes on official mission inside the country, the provisions of the Presidential Order regulating Civil Servants in official mission inside the Country shall apply. Mission allowances for the Vice-Chairperson of the Board of Directors and the Board member shall be calculated as is done for permanent Vice-Chairperson and Commissioner of a National Commission, respectively.

When a Board member participates to the Board meeting or activities at a place located at or in more than thirty (30) kilometers away from his/her usual place of work, for at least five (5)

mêmes conditions que pour le Président, le Vice Président et le Commissaire travaillant à temps plein au sein d'une Commission Nationale, respectivement.

**Article 6: Mission officielle à l'intérieur du pays**

Le Président du Conseil d'Administration qui part en mission à l'intérieur du Pays bénéficie d'une facilitation de transport aller-retour au lieu de la mission et des frais de per diem de dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par jour. L'institution concernée paie en outre les factures de repas, de boissons non alcoolisées, et la facture de logement lorsqu'il passe la nuit en mission.

Lorsque le Vice Président et le membre du Conseil d'Administration vont en mission officielle à l'intérieur du Pays, ils bénéficient des indemnités de mission suivant l'Arrêté Présidentiel portant réglementation des missions officielles des agents de l'Etat à l'intérieur du pays. Les indemnités de mission pour le Vice Président et le membre du Conseil d'Administration sont calculées conformément à ce qui est fait pour le Vice-président et le Commissaire travaillant à temps plein au sein d'une Commission Nationale, respectivement.

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration participe à une réunion ou aux activités du Conseil d'Administration pour au moins cinq (5) heures, à un endroit situé à trente (30) kilomètres ou plus de

akamara amasaha atanu (5) nibura mbere yo kugaruka, agenerwa amafaranga y'amafunguro n'amafaranga y'icumbi igihe araye mu buryo bumwe n'ubw'ayo agenerwa igihe agiye mu butumwa bw'akazi imbere mu Gihugu.

**Ingingo ya 7: Ubutumwa bw'akazi mu mahanga**

Iyo abagize Inama y'Ubuyobozi bavugwa muri aya mabwiriza bagiyeye mu butumwa bw'akazi mu mahanga, hakurikizwa ibiteganywa n'iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza agenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga.

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi agenerwa amafaranga y'ubutumwa mu buryo bumwe n'ubukoreshwa kuri Perezida wa Komisiyo ukora kuburyo buhoraho, Visi Perezida akazigenerwa nka Visi Perezida wa Komisiyo ukora ku buryo buhoraho muri Komisiyo y'Igihugu, naho ugize Inama y'Ubuyobozi akazigenerwa nk'Umukomiseri ukora ku buryo buhoraho muri Komisiyo y'Igihugu.

**Ingingo ya 8: Ubwishingizi kundwara no kubyago bikomoka ku kazi**

Urwego rwa Leta bireba rufatira abagize Inama y'Ubuyobozi ubwishingizi ku ndwara iyo badasanzwe babufite. Ubwo bwishingizi bumara igihe kingana na manda yabo.

Ugize Inama y'Ubuyobozi utari umukozi wa Leta, afatirwa n'urwego rwa Leta bireba ubwishingizi ku

hours before his/her return, he/she shall be entitled to the meals allowance and accommodation allowance if he/she spends a night, in the same way as he/she is entitled to when he/she goes on official mission inside the country.

**Article 7: Official mission abroad**

When Board members referred to in these instructions, go on official mission abroad, the Presidential Order regulating official mission abroad shall apply.

Mission allowances for the Chairperson of the Board of Directors, the Vice-Chairperson and the Board member shall be calculated as is done for permanent Chairperson, Vice-Chairperson and Commissioner of a National Commission, respectively.

**Article 8: Medical and occupational hazards insurances**

The concerned institution shall subscribe to a medical insurance in favor of Board members who don't have it. Such insurance shall cover the period of their term of office.

For a Board member who is not public servant, the concerned institution shall subscribe

son lieu habituel de travail, il bénéficie des frais de repas et de logement s'il y passe la nuit, selon les modalités identiques à celles d'octroi des frais de mission à l'intérieur du pays.

**Article 7: Mission officielle à l'étranger**

Lorsque les membres du Conseil d'Administration visés aux présentes instructions vont en mission officielle à l'étranger, l'Arrêté Présidentiel portant réglementation des missions officielles à l'étranger est appliqué.

Les indemnités de mission pour le Président, le Vice Président et le membre du Conseil d'Administration sont calculées selon les modalités identiques à celles suivies respectivement pour le Président, le Vice Président et le Commissaire permanents au sein d'une Commission Nationale.

**Article 8: Assurance maladie et celle contre les risques professionnels**

L'institution concernée souscrit à une assurance maladie pour les membres du Conseil d'Administration qui n'y ont pas souscrit. Cette assurance couvre la période équivalente à leur mandat.

Pour un membre du Conseil d'Administration qui n'est pas agent de l'Etat, l'institution concernée

byago bishobora gukomoka ku kazi arukorerera.

insurance for occupational hazards as regards the duties they discharge for that institution.

souscrit à une assurance contre les risques professionnels en rapport avec les services prestés pour cette institution.

**Ingingo ya 9: Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira**

**Article 9: Funeral expenses and death allowance**

**Article 9: Frais funéraires et indemnité de décès**

Mu gihe ugize Inama y'Ubuyobozi yitabye Imana akiri mu mirimo, urwego rwa Leta yari abereye mu Nama y'Ubuyobozi ruha umuryango we amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira hakurikijwe Itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

In case of death of a Board member while in service, the institution for which he/she is a Board member shall allocate funeral expenses and death allowance to the family of the deceased, in accordance with the Law establishing the General Statutes for Rwanda Public Service.

En cas de décès d'un membre du Conseil d'Administration en fonction, l'institution pour laquelle il est membre du Conseil d'Administration alloue à sa famille les frais funéraires et l'indemnité de décès, conformément à la loi portant statut général de la fonction publique.

Cyakora, iyo amafaranga y'ishyingura nay'impozamarira agomba gutangwa n'urwego nyakwigendera yari abereye mu Nama y'Ubuyobozi ari make ugereranyije n'atangwa n'urwego nyakwigendera yakoreraga ku buryo buhoraho, ayo mafaranga atangwa n'urwego yakoreraga ku buryo buhoraho.

However, if funeral expenses and death allowance to be paid by the institution where he/she is a Board member are inferior to those provided for by the institution where the deceased was employed on a permanent basis, they must be paid by that institution that employed him/her on a permanent basis.

Cependant, si les frais funéraires et l'indemnité de décès à allouer par l'institution pour laquelle le défunt était membre du Conseil d'Administration sont inférieurs à ceux prévus par l'institution où il travaillait de façon permanente, les frais funéraires et l'indemnité de décès doivent être payés par cette institution qui l'employait à temps plein.

Amafaranga y'impozamarira abarwa hifashishijwe umushahara w'Umukomiseri ukora ku buryo buhoraho muri Komisiyo y'Igihugu.

Death allowance shall be calculated on the basis of the salary of a permanent Commissioner working for a National Commission.

L'indemnité de décès est calculée sur base du salaire d'un Commissaire permanent travaillant au sein d'une Commission Nationale.

**Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

**Article 10: Repealing provision**

**Article 10: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

All prior instructions contrary to these instructions are hereby repealed.

Toutes les instructions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.



**Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro kayo gahera kuwa 01/01/2014.

Kigali, ku wa 27/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo  
**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 11: Commencement**

These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. They shall take effect as of 01/01/2014.

Kigali, on 27/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Prime Minister

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minister of Public Service and Labour  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 11: Entrée en vigueur**

Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elles sortent leur effet à partir du 01/01/2014.

Kigali, le 27/12/2013

(sé)

**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**  
Premier Ministre

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Ministre de la Fonction Publique et du Travail  
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux